



MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL
RESOURCES (MINAGRI)

IMFASHANYIGISHO KU BUHINZI BW'IBIRAYI



SEAD
Strengthening Education for
Agricultural Development

1. NI IKI TWAKORA KUGIRANGO IMIRIMA YACU IDUHE UMUSARURO MWIZA?

- Kurwanya isuri
- Gutemurura ibihuru
- Kurima
- Gutabira
- Gusanza
- Koresha ishwagara ibyumweru 2 mbere yo gutera ahantu hasharira
- Gupimisha ubutaka kugirango umenye imyunyungugu iri mu butaka bwawe

2. NI IZIHE NYONGERA MUSARURO, INGANO YAZO N'IBIKORESHO DUKENERA KURI ARI (ARE) IMWE?

Imborera	Ishwagara	Imbuta	Ifumbire mvaruganda	Inkoni zifite	Agafuniko
Kg 300	Kg 25 - 30	Kg 25	NPK 17-17-17 Kg 3 cyangwa Winner: Kg 3	Cm30; 80 Cm 20 m1	1 k'amazi

3. KUBERA IKI ISHWAGARA ARI NGOMBWA KU BUTAKA BUSHARIRA? NI RYARI TUYIKORESHA?

Kubera iki?


- Ishwagara igabanya ubusharira mu butaka
- Ishwagara ifasha ikimera kuvoma intungagihingwa
- Ituma amafumbire akora neza
- Umusaruro uriyongera cyane

Ryari?


- Tera ishwagara ibyumweru 2 mbere y'uko utera

4. NI IYIHE NTERA IKORESHWA HAGATI Y' IMIRONGO NO HAGATI Y' IMYOBO, NI UBUHE BUJYAKUZIMU BW'UMWOBO?

- Cm80 hagati y' imirongo
- Cm30 hagati y' imyobo
- Cm20-25 z' ubujyakuzimu



UBUJYAKUZIMU BW'UMWOBO



5. KUBERA IKI DUKWIRIYE KUBAHIRIZA INTERA NYAYO?

- Intera nyayo yongera umusaruro kandi igatuma haboneka umubare nyawo w'ibihingwa wagenewe aho hantu
- Intera nyayo ituma ibihingwa bikura neza ndetse bikarinda indwara
- Ituma ibihingwa bibona umucyo, amazi ndetse n'intungagihingwa bikenewe bityo bigakura neza.
- Ituma imirimo ikorwa neza (kubagara,kuhira,kuwanyanya indwara n'ibyonyi, gusarura ,n'ibindi.
- Intera nyayo ituma hakoreshwa imbuto zikwiriye.

6. NI AKAHE KAMARO K' IMBORERA? DUKORESHA INGANA IKI MU MWOBO?

AKAMARO

- Yongera intungagihingwa mu butaka
- Ituma ubutaka bufata amazi
- Ituma ubutaka bworoha

INGANO:

- Ibiganza 2 mu mwobo



7. TWAKORESHA NPK INGANA IKI? NI AKAHE KAMARO KAYO KU MUSARURO?

INGANO KU MYOBO

- Agafuniko kamwe k' icupa ry'amazi cyangwa, intoki 3 kugeza ku rugingo rwa kabiri ubikore inshuro 2

AKAMARO


- Ifasha uruti rw' igihingwa gukomera
- Ifasha imizi y' ibirayi gufata neza mu butaka
- Ifasha uruti gukura vuba
- Ifasha igihingwa kubona intungagihingwa

NPK 17-17-17



8. NI GUTE DUTERA IMBUTO Z' IBIRAYI?

- Koresha imbuto zujuje ubuziranenge kugirango tugabanye ingaruka
- Tera imbuto zifite amaso 2-3 (zibyara ibirayi byinshi)
- Amaso agomba kureba hejuru kandi agatwikirwa n' itaka
- Tera imbuto 1 mu mwobo mu bujakuzimu bwa cm 10
- Twikiriza imbuto ubutaka



NB: Koresha imbuto ivuye ku mutubuzi wemewe na RAB

9. NI IYIHE MIRIMO Y'INGENZI IKORWA MU GUKENURA IGIHINGWA CY' IBIRAYI

- Kureba ko imbuto zameze, izitarameze zigasimbuzwa.
- Kumenera.
- Gusukira ibirayi
- Kubagara dukumira ibyonnyi
- Kurwanya indwara n'ibyonnyi

10. KUBERA IKI DUSUKIRA IBIRAYI N'ITAKA RYINSHI IRUHANDE?

- Itaka ribuzza izuba gutwika ibirayi no guhinduka icyatsi kibisi
- Ibirayi by'ibara ry'icyatsi birasharira bikanagira uburozi, nimukabirye.
- Gusukira ibirayi bituma itaka ryoroha, amazi ntiyireke kandi igihingwa kigafata intungagihingwa mu buryo bworoshye.

11. KUBERA IKI ARI INGOMBWA KUNYOMORA (GUKATA IMIGOZI Y' IBIRAYI) KANDI NI GUTE BIKORWA?

KUBERA IKI ?

- Bikomeza uruhu rw' ibirayi , bigahagarika gukura kw'ikirayi mu gihe dushaka imbuto.
- Gukumira indwara ziboneka mu migozi n' amababi byivanga n'umusaruro w' ibirayi

GUTE ?

- Gukata imigozi cm10 uvuye ku butaka, ukandagiza amaguru yombi ahateye ikirayi ugakurura umugozi w'ikirayi n'amaboko yombi. (bikorwa ibyumweru bibiri mbere yo gusarura)



12. NI GUTE TWAFATA NEZA UMUSARURO W'IBIRAYI?

- Kunyomora ibirayi ibyumweru 2 mbere yo gusarura
- Gusarura nyuma y'iminsi 90 -120 (bitewe n'ubwoko bw'ibirayi)
- Gukura neza utabikomeretsa kandi imvura itaguye
- Kumutsa ibirayi mbere yo guhunika no gukuraho itaka
- Gukuramo ibirayi byose byangiritse mu musaruro kugirango bitangiza ibindi
- Gupfunyika mu mifuka yabigenewe kugira ngo bihumeke neza



INDWARA Z'INGENZI N'IBYONNYI BIKUNZE KWIBASIRA IBIRAYI

Indwara y'imvura /Milidiyu

- Ifata amababi n'imigozi y'ibirayi.
- Igihingwa cyafashwe kizana uruhumbu ku mababi no ku migozi, iyo kibabije ugirango umurima wababutse.
- Ikirayi cyafashwe kirabora.



Uko wayirinda

- Koresha imbuto z'indobanure
- Ubahiriza igerambuto ritaganywa,
- Randura ibirayi byimeza mu murima igihe cyose bigaragaye.
- Nyomora ibirayi igihe byeze.
- Simburanya ibirayi n'ibindi bihingwa bitari mu muryango umwe.

Uko wayirwanya

- Tera umuti urwanya uduhumyo nka Ridomil ibirayi bikimera.
- Nyuma y'ibyumweru 2, tera umuti nka Mancozeb (Ditane).

Ibipimo by'umuti bikoreshwa

- Vanga garama 50 z'umuti wa Ridomil muri litiro 15 z'amazi, uwutere bwa mbere ibirayi bikimara kumera, ubwa kabiri nyuma y'iminsi irindwi uhereye ku munsu wateye bwa mbere.
- Vanga garama 50 z'umuti wa Mancozeb (Dithane) muri litiro 15 z'amazi, utere rimwe buri cyumweru kugeza byeze.

Kirabiranya y'ibirayi

- Amababi ararabirana agahinduka icyatsi cyerurutse.
- Amatembabuzi y'umweru (amashyira) anuka aturuka mu maso y'ibirayi.



Uko wayirinda

- Koresha imbuto y'indobanure
- Simburanya ibirayi n'ibindi bihingwa bitari mu muryango umwe n'ibirayi, ku buryo ibirayi bigarukamo nyuma y'ibihembwe bibiri by'ihinga.
- Randura ibirayi byimeza mu murima nyuma yo gusarura.



Uko wayirwanya

- Irinde gukoresha ibikoresho byakoreshejwe mu murima urimo ubwo burwayi.
- Randura ibyafashwe kandi ubishyire mu kimoteri.
- Nta muti igira.

Imfunyarazi

- Amababi areruruka, agata ireme, agapfunyarara, akamera nk'amahembe.
- Imigozi ntikura neza, iba migufi, igashora nabi kandi ikeraho uturayi duto.



Uko wayirinda

- Koresha imbuto y'indobanure ;
- Randura ibirayi byimeza mu murima ;
- Simburanya ibirayi n'ibindi bihingwa bitari mu muryango umwe ku buryo ibirayi bigaruka nyuma y'ibihembwe bibiri by'ihinga.

Uko wayirwanya

- Randura ibirayi birwaye nyuma bishyirwe mu kimoteri,
- Tera umuti wica udukoko nka lambda cyhalothrin 5%EC,

Ibipimo by'umuti bikoreshwa

- Vanga ml 10 z'umuti wa Lambda cyhalothrin 5%EC muri litilo 10 z'amazi.

Urunyo

- Inzira urunyo runyuramo uko rugenda rurya amababi, igaragara inyuma ku mababi mu ibara ryenda gusa nk'ikijuju.



Uko wayirinda

- Kurima no gutabira byibuze icyumweru mbere yo gutera mu murima;
- Tera umuti nka lambda cyhalothrin

Uko wayirwanya


- Gukuraho no gutaba amababi yose yangiritse n'ibisigara nyuma yo gusarura;

Ibipimo by'umuti bikoreshwa

- Vanga ml 10 z'umuti wa lambda cyhalothrin muri litiro 10 z'amazi.

Inanda

- Inanda ikata igihingwa ahagana hasi ku ruti cyangwa ikagikatira mu butaka.
- Iyo inanda zikomeje kubaho, zitangira kurya n'ibirayi.



Uko wayirinda

- Gukata ibyatsi ku nkengero z'umurima aho zishobora kwihisha mbere yo gutera ibirayi.
- Kubagara uko bikwiye no kugenzura umurima kare mu gitondo ugatoragura inanda ukazica.

Icyitonderwa: Egera umujyanama mu buhinzi akubwire umuti wemewe ku isoko mu gihe cyo gutera umuti

nuffic

SEAD is funded by the Netherlands Ministry of Foreign Affairs through the NUFFIC, Netherlands Initiative for Capacity development in Higher Education (NICHE) programme, and implemented through a partnership between Rwanda Development Board (RDB) and Mott MacDonald in consortium with SNV, Delphy BV, Q-point BV, Maastricht School of Management, Stellenbosch University, Delft University of technology and Van Hall Larenstein University of Applied Sciences.



Iyi mfashanyigisho yakozwe ku bufatanye na: MINAGRI, RAB, RDB, SEAD, SNV/HortInvest project
UR, IPRC MUSANZE, INES RUHENGURI, Imbaraga Organization

